No 228 Juin2020

MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA

# INAMA RUSANGE YEMEJE IGENAMIGAMBI RY'IBIKORWA BY'IHURIRO N'INGENGO Y'IMARI YABYO MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2020/2021



Ku wa kane, tariki ya 25 Kamena 2020, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga mu rwego rwo gukumeza kubahiriza ingamba zafashwe zo kwirinda icyorezo cya COVID-19. Inama yayobowe, n'Umuvugizi w'Ihuriro, Depite MUNYANGEYO Theogene.

Iyi nama yari igamije gusuzuma umushinga w'igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro n'uw'ingengo y'imari yabyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2020/2021.

Mu gutangiza inama, Umuvugizi w'Ihuriro yashimye abayitabiriye, anashima intambwe u Rwanda rumaze kugeraho mu gukoresha ikoranabuhanga, n'uburyo abanyarwanda bakomeje kwitwara muri ibi bihe bidasanzwe byatwe n'icyorezo cya Covid-19.

Yasabye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro kugeza ku nama Rusange umushinga w'igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro n'uw'ingengo y'imari yabyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2020/2021 wateguwe.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yatangiye agaragaza ko uyu mushinga ugizwe n'ibikorwa biteganijwe ndetse n'ingengo y'imari yabyo.

Ku bikorwa biteganijwe, yavuze ko ibikorwa byateguwe hashingiwe ku igenamigambi ry'igihe kirekire ry'ibikorwa by'Ihuriro mu myaka itanu (2016-2021), Iri genamigambi rikaba rishingiye ku ngamba z'ibikorwa 3 Ihuriro rigenderaho arizo:

- ♦ Guteza imbere ibiganiro nyunguranabitekerezo bya politiki,
- ♦ Kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki no guteza imbere umwuga wa politiki;
- ♦ Guteza imbere Ihuriro no gutanga serivisi nziza.

Mu guteza imbere ibiganiro nyunguranabitekerezo bya politiki n'ubumwe bw'igihugu , Umunyamabanga Nshingwabikorwa yavuze ko hazibandwa kuri bimwe mu bikorwa bikurikira:

- Gutegura inama z'Inama Rusange buri gihembwe;
- Gutegura inama ngarukakwezi za Biro
- Gutegura inama zisanzwe za Komisiyo zihoraho z'Ihuriro ziterana inshuro imwe mu mezi abiri (2);
- Gutegura ibiganiro n'amahugurwa kuri demokarasi ishinigiye ku bwumvikane, iterambere ry'umwuga wa politiki; uburere mboneragihugu, imikorere ya komite zishinzwe imari n'umutungo mu Mitwe ya Politiki no kongera ubumenyi ku ngamba zo gukumira no gukemura amakimbirane.
- Gushishikariza Imitwe ya Politiki kwitabira ibikorwa byo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 27 no kwibuka abanyapolitiki bishwe mu gihe cya Jenoside;
- Kumenyekanisha indangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki;
- Gutegura no kohereza indorerezi z'Ihuriro mu matora y'abayobozi b'inzego z'ibanze ateganyijwe mu ntangiriro za 2021.
- Kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki no guteza imbere umwuga wa Politiki, Umunyabanga Nshingwabikorwa yavuze ko hazibanwa kuri bimwe mu bikorwa bikurikira:
- Gutera inkunga imishinga y'amahugurwa nyongerabumenyi ategurwa n'Imitwe ya Politiki ku nsanganyamatsiko zijyanye n'iterambere rusange ry'Imitwe ya Politiki;
- Gutegura amahugurwa y'abagore b'abayobozi b'ingaga z'abagore mu Mitwe ya Politiki ku rwego rw'Uturere tw'Intara y'Iburasirazuba, iy'Amajyepfo n'iy'Iburengerazuba;
- Gutegura icyiciro cya 16 cy'amahugurwa y'urubyiruko (Youth Political Leadership Academy/YPLA) ku rwego rw'Intara n'urw'Umujyi wa Kigali
- Gutera inkunga amahugurwa ategurwa n'Imitwe ya Politiki agenewe abayobozi bayo bo ku nzego z'ibanze z'ubuyobozi bw'Imitwe ya Politiki ku nsanganyamatsiko y'imiyoberere myiza izana impinduka n'icyerekezo cy'u Rwanda;
- Gutera inkunga amahugurwa ategurwa n'Imitwe ya Politiki agenewe abayobozi bayo kuri gahunda z'iterambere, imiyoborere izana impinduka n'icyerekezo cy'u Rwanda twifuza;
- Gutegura imfashanyigisho zizifashishwa n'Imitwe ya Politiki ku ihame ry'uburinganire, amahame remezo, demokarasi ishingiye ku bwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu,..);
- Gukomeza kwishyura ifatabuguzi ryo kubika zimwe mu mbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki.

Ku guteza imbere ihuriro no gutanga serivisi nziza, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yavuze mu bikorwa bizakorwa harimo:

- Gutegura inyandiko y'igenamigambi ry'ingamba z'ibikorwa by'Ihuriro mu myaka itanu iri imbere (2021/2022 – 2025/2026;
- Gutegura umwiherero w'abagize inzego z'ubuyobozi bw'Ihuriro hagamijwe kwegeranya ibitekerezo ku cyerecyezo n'igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro mu gihe cy'imyaka itanu iri imbere (2021/2022 – 2025/2026);
- Gukomeza kuvugurura igitabo cy'uburyo bw'imiyoborere n'imicungire y'imari n'umutungo by'Ihuriro;
- Gushakira abakozi amahugurwa nyongerabumenyi ajyanye n'inshingano zabo n'icyerekezo cy'Ihuriro;
- Kugura ibikoresho bya ngombwa by'Ihuriro;
- Gukomeza gushaka no kongera abafatanyabikorwa b'Ihuriro;

Avuga ku ngengo y'imari y'ibi bikorwa yagaragaje ko ingengo y'imari yizewe ari 437,000,000Frw, zirimo inkunga ya Leta ingana na Miliyoni Magana ane (400,000,000 Frws) n'inkunga y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Iterambere UNDP rizatanga Miliyoni mirongo itatu na zirindwi (37,000,000Frw).

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku Igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro n'ingengo y'imari yaryo, Inama Rusange yarabyemeje.

Inama Rusange yashimye ingamba zashyizweho na Leta zo gukomeza guhangana n'icyorezo cya COVID-19, yiyemeza gukomeza gushishikariza abayoboke b'Imitwe ya Politiki yabo n'abaturarwanda muri rusange gukomeza kwirinda iki cyorezo no kubahiriza ingamba zafashwe.

Mu bindi, Inama Rusange yemeje ko Bwana RUTIKANGA Justin uturuka mu Mutwe wa Politiki wa PSP aba umwe mu bagize Komisiyo y'Ihuriro Mbonezabupfura no Gukemura Amakimbirane nk'uko byari byaragenwe n'Ubuyobozi bwawo.

## KOMISIYO ZIHORAHO Z'IHURIRO ZEMEJE GAHUNDA Z'IBIKORWA BYAZO MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2020-2021

### KOMISIYO Y'IHURIRO ISHINZWE ITUMANAHO NO KUNGURANA IBITEKEREZO

Mu nama isanzwe ya *Komisiyo ishinzwe Itumanaho no kungurana ibitekerezo,* yateranye ku wa gatanu tariki ya 12/6/2020 mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro, iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, Madamu MUTIMUKEYE Nicole, abayigize basuzumye Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka wa 2020-2021, batanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko z'ibiganiro bizaganirwaho mu nama z'Inama Rusange y'Ihuriro mu mwaka wa 2020-2021; banatanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko y'ikiganiro kizatangwa tariki ya 01/7/2020.

**Ku ngingo yo gusuzuma no kwemeza Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka wa 2020-2021,** Umuyobozi w'ishami ry'Itumanaho n'imirimo ya Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro, Bwana Sindayiheba Fabien, yahawe umwanya abagezaho umushinga w'ibikorwa byateguwe n'ubunyamabanga Nshingwabikorwa bizibandwaho na Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021 birimo ibikorwa bikurikira:

1. Gusuzuma no kwemeza Raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2019 -2020;
2. Gutegura insanganyamatsiko z'ibiganiro bizaganirwaho mu nama z'Inama Rusange z'Ihuriro ziteganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari 2020 - 2021, zizagezwa kuri Biro y'Ihuriro;
3. Kugira uruhare mu gutanga ibitekerezo ku kiganiro ngarukamwaka kizanyura kuri Radiyo ku munsi mukuru w'ubwigenge bw'u Rwanda, tariki ya 01 Nyakanga 2021;
4. Gutegura raporo ya Manda ya Komisiyo y'imyaka itatu (Werurwe 2018 - Werurwe 2021);
5. Gutegura amahugurwa ku mikoreshereze y'ikoranabuhanga ryo gukora inama hifashishijwe **WEBEX;**
6. Gutegura amahugurwa ku ikoranabuhanga nk'urubuga rw'ubwisanzure muri politiki: ibyiza n'imbogamizi(ICT for freedom of expression and political space: Benefit and challenges);
7. Gutegura inama nyunguranabitekerezo y'Abayobozi bakuru mu Mitwe ya Politiki ku Ubuhanga bwo gutegura no gutangaza ubutumwa bwa politiki
8. Gutegura amahugurwa ku buryo bw'Ihanahanamakuru mu Mutwe wa politiki ("Training on effective communication within Political Party - Inter Party Dialogue);
9. Gutanga ibitekerezo ku bijyanye n'uburyo Imitwe ya Politiki ya kwitabira ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 27 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994;
10. Gutanga ibitekerezo ku bindi bikorwa bya kwemezwa n'inzego zibifitiye ububasha z'Ihuriro.

Mu kungurana ibitekerezo, abari mu nama bashimye umushinga wateguwe, barawemeza, batanga inama ko Ihuriro n'Imitwe ya Politiki irigize bajya bashishikariza abize muri YPLA kwitabira gukoresha ikoranabuhanga mu gutanga ibitekerezo kuri gahunda zinyuranye z'ubuzima bw'Igihugu binyuze mu Mitwe ya Politiki babarizwamo.

**Ku ngingo yo gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko z'ibiganiro bizaganirwaho mu nama z'Inama Rusange y'Ihuriro mu mwaka wa 2020-2021**

Abari mu nama basanze insanganyamatsiko zose zatanzwe zijyanye na Politiki na gahunda z'Igihugu, bemeza ko zashyikirizwa Biro y'Ihuriro kugira ngo izarebe izizaganirwaho mu nama z'Inama Rusange y'Ihuriro mu mwaka wa 2020-2021.

Abari mu nama kandi bagejejweho insanganyamatsiko izibandwaho mu kiganiro kizaba tariki ya mbere Nyakanga 2020 ariyo, "**Uruhare rw'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki mu miyoborere y'Igihugu".**

Abagize Komisiyo bashimye insanganyamatsiko yateguwe, basaba ko bazamenyeshwa kare isaha ikiganiro kizaberaho kugira ngo bazagikurikire.

Mu gusoza inama, Umuyobozi w'inama yashimiye abayitabiriye ibitekerezo batanze.

### KOMISIYO MBONEZABUPFURA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE

Mu nama isanzwe ya *Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane,* yateranye ku wa gatandatu tariki ya 13/6/2019 mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro ku Kacyiru; iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, Hon. NKUSI Juvenal, yagejeje ku bayitabiriye ingingo zari ku murongo w'ibyigwa zirimo gusuzuma no kwemeza Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021 no gusuzuma no kwemeza Raporo y'umwiherero wa Komisiyo wabaye ku wa 14/12/2019;

Mu gutangiza inama, Perezida wa Komisiyo yashimiye abayitabiriye, avuga ko inama ikozwe mu gihe hari kubahirizwa ingamba zo kwirinda icyorezo cya COVID 19. Abari mu nama basanze Ihuriro ryatekereza ku buryo bw'ikoranabuhanga bwajya bwifashishwa mu gukora inama, hashingiwe ku ngamba zo kwirinda icyorezo cya COVID 19.

**Ku ngingo yo gusuzuma no kwemeza Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka wa 2020-2021,** Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana Burasanzwe Oswald, yahawe umwanya asobanura ko ibikorwa Komisiyo izitaho muri 2020-2021, bishingiye ku Iteganyabikorwa ry'Ihuriro ry'umwaka w'ingengo y'imari 2020-2021.

Yavuze ko muri uyu mwaka, Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane izita ku bikorwa bikurikira:

1. Gusuzuma no kwemeza Raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020;
2. Gutegura raporo ya Manda ya Komisiyo y'imyaka itatu (Werurwe 2018 - Werurwe 2021);
3. Kuvugurura Igitabo cy'Uburyo bw'imiyoborere n'icungamutungo cy'Ihuriro;
4. Gutegura amahugurwa y'abagize Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki ku rwego rw'Intara:

5. Gusuzuma no gutanga inama ku bibazo byavuka hagati y'Imitwe ya Politiki cyangwa hagati y'abayoboke b'Umutwe wa Politiki, mu gihe babisabye;
6. Gukurikirana amahugurwa ashyirwa mu bikorwa na Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki hifashishijwe Imfashanyigisho yateguwe n'Ihuriro;
7. Kugira inama Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki mu gihe zibisabye;

**Nyuma yo kungurana ibitekerezo, abagize Komisiyo bemeje Gahunda y'Ibikorwa bya Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbira, by'umwaka w'ingengo y'imari 2020-2021.**

**A**bari mu nama bemeje umushinga w'Igitabo **cy'Uburyo bw'Imiyoborere n'icungamutungo cy'Ihuriro bamaze gusuzuma ibyanogejwe muri raporo y'umwiherero.**

Nyuma yo kwemeza umushinga w'Igitabo cy'Uburyo bw'Imiyoborere n'icungamutungo by'Ihuriro, abari mu nama bemeje inyandiko zateguwe zuzuza Umushinga w'iki gitabo basaba ko aho bizaba ngombwa ko hategurwa izindi nyandiko zazategurwa vuba mbere y'uko zishyikirizwa Inama Rusange.

Mu gusoza, Umuyobozi w'inama yashimiye abagize Komisiyo ibitekerezo batanze.

### KOMISIYO ISHINZWE GAHUNDA, IBIKORWA BY'IHURIRO N'UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO

Mu nama isanzwe ya *Komisiyo ishinzwe Gahunda, ibikorwa by'Ihuriro, n'ubufatanye n'izindi nzego,* yateranye ku wa kabiri tariki ya 16/6/2020 mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, Depite NYIRAHIRWA Veneranda, basuzumye ingingo zirimo Gutanga ibitekerezo kuri Gahunda y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021; Gusuzuma raporo y'ubugenzuzi bw'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mezi 6 ya mbere y'umwaka w'ingengo y'imari 2019-2020; no Gusuzuma no kwemeza Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021;

Ku ngingo yo Gusuzuma no kwemeza Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2020 – 2021, Bimwe mu bikorwa byatekerejweho muri uyu mwaka w'ingengo y'imari ni ibi bikorikira:

- Gusuzuma no kwemeza Raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020;
- Gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri raporo y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020 n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo mu mwaka wa 2019-2020;
- Gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri raporo y'ubugenzuzi bw'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020;
- Gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri raporo y'ubugenzuzi bw'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mezi atandatu(6) ya mbere y'umwaka w'ingengo y'imari 2020 - 2021;
- Kwemeza raporo ya Manda ya Komisiyo y'imyaka itatu (Werurwe 2018 - Werurwe 2021)
- Gukurikirana amahugurwa y'Urwego rushinzwe igenzura ry'Umutungo mu Mitwe ya Politiki iri mu Ihuriro;
- Gutanga ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'ubufatanye Ihuriro rifitanye n'abafatanyabikorwa (UNDP, …………);
- Gutanga ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'amahugurwa ya YPLA, IPLP, WPLP;
- Gutanga ibitekerezo ku Itegurwa rya NFPO Strategic Plan 2021/2022 – 2025/2026;
- Gutanga ibitekerezo ku gikorwa cyo gutegura no kohereza Indorerezi z'Ihuriro zizakurikirana imyiteguro n'imigendekere y'amatora y'Inzego z'Ibanze azaba umwaka utaha (2021);

**Mu kungurana ibitekerezo, abari mu nama basanze ibikorwa byateguwe bijyanye n'inshingano za Komisiyo barabyemeza.**

Umuyobozi w'inama yasoje inama ashimira abayitabiriye ndetse n'ibitekerezo byatanzwe kuri buri ngingo.